# 275: iri joro, Mana yanjye

1.
   iri joro, Mana yanjye, Ndagushimir' umugisha Wampay' uyu munsi wose; Non' umpishe mu mababa.

2.
   Kubwa Yesu, mbabarira ibyaha nakoze none,Ngo mbe nuzuye na bose, Ntaragondwa n'ibitotsi.

3.
   Unyigish' ingeso nziza, Ngo mpore nzigir' iteka. Ne kuzatinya no gupfa, Nkuko ntatiny' ibitotsi.

4.
   Umpe gusinzira neza, Niringira yuk' undinda; Binsubizemw imbaraga; Maz' ejo nzagukorera.

5.
   Ni mbur' ibitotsi, Mwami, Untekereresh' ibyiza, inzozi zo kumbabaza, Satani ye kunshogoza

6.
   Mana, Nyir'ibyiza byose, Ushimwe n'abantu bose, Ushimwe n'abo mw ijuru, We Man' imwe mu Butatu.

Visit us at indirimbo.com